

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/MoE/22 RYO KU WA 12/05/2022 RIGENGA KOMITE Z'UBUTAKA</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 007/MoE/22 OF 12/05/2022 GOVERNING LAND COMMITTEES</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 007/MoE/22 DU 12/05/2022 RÉGISSANT LES COMITÉS FONCIERS</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Abagize komite y'ubutaka</u></p>	<p><u>Article 2: Composition of land committee</u></p>	<p><u>Article 2 : Composition du comité foncier</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: IMITERERE YA KOMITE Z'UBUTAKA</u></p>	<p><u>CHAPTER II: ORGANISATION OF LAND COMMITTEES</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : ORGANISATION DES COMITÉS FONCIERS</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Inzego komite z'ubutaka zikoreraho</u></p>	<p><u>Article 3: Operation levels of land committees</u></p>	<p><u>Article 3 : Niveaux d'opération des comités fonciers</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry'abagize komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari</u></p>	<p><u>Article 4: Appointment of members of land committee at Cell level</u></p>	<p><u>Article 4 : Nomination des membres du comité foncier au niveau de la Cellule</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Ishyirwaho ry'abagize komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge</u></p>	<p><u>Article 5: Appointment of members of land committee at Sector level</u></p>	<p><u>Article 5 : Nomination des membres du comité foncier au niveau du Secteur</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Igihe ntarengwa cy'ishyirwaho ry'abagize komite z'ubutaka</u></p>	<p><u>Article 6: Deadline for appointment of members of land committees</u></p>	<p><u>Article 6 : Délai limite de nomination des membres des comités fonciers</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Ibishingirwaho mu ishyirwaho ry'abagize komite z'ubutaka</u></p>	<p><u>Article 7: Criteria for appointment of members of land committees</u></p>	<p><u>Article 7 : Critères de nomination des membres des comités fonciers</u></p>

<p><u>Ingingo ya 8:</u> Abatemerewe kuba mu bagize komite z’ubutaka</p>	<p><u>Article 8:</u> Persons not eligible for membership of land committee</p>	<p><u>Article 8 :</u> Personnes non éligibles pour être membre du comité foncier</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Ubuyobozi bwa komite z’ubutaka</p>	<p><u>Article 9:</u> Administration of land committees</p>	<p><u>Article 9 :</u> Administration des comités fonciers</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Manda ya komite z’ubutaka</p>	<p><u>Article 10:</u> Term of office of land committees</p>	<p><u>Article 10 :</u> Mandat des comités fonciers</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Impamvu zituma umwe mu bagize komite y’ubutaka asimburwa</p>	<p><u>Article 11:</u> Reasons for replacement of a member of land committee</p>	<p><u>Article 11 :</u> Raisons du remplacement d’un membre du comité foncier</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Isimburwa ry’ugize komite y’ubutaka</p>	<p><u>Article 12:</u> Replacement of a member of land committee</p>	<p><u>Article 12 :</u> Remplacement d’un membre du comité foncier</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Impamvu zituma komite y’ubutaka iseswa</p>	<p><u>Article 13:</u> Grounds for dissolution of land committee</p>	<p><u>Article 13 :</u> Motifs de dissolution du comité foncier</p>
<p><u>UMUTWE WA III:</u> INSHINGANO N’IMIKORERE BYA KOMITE Z’UBUTAKA</p>	<p><u>CHAPITER III:</u> RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF LAND COMMITTEES</p>	<p><u>CHAPITRE III :</u> ATTRIBUTIONS ET FONCTIONNEMENT DES COMITÉS FONCIERS</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Inshingano za komite z’ubutaka</p>	<p><u>Section One:</u> Responsibilities of land committees</p>	<p><u>Section première :</u> Attributions des comités fonciers</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano rusange za komite z’ubutaka</p>	<p><u>Article 14:</u> General responsibilities of land committees</p>	<p><u>Article 14 :</u> Attributions générales des comités fonciers</p>
<p><u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano za komite y’ubutaka ku rwego rw’Akagari</p>	<p><u>Article 15:</u> Responsibilities of land committee at Cell level</p>	<p><u>Article 15 :</u> Attributions du comité foncier au niveau de la Cellule</p>

<u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano za komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge	<u>Article 16:</u> Responsibilities of land committee at Sector level	<u>Article 16 :</u> Attributions du comité foncier au niveau du Secteur
<u>Icyiciro cya 2:</u> Imikorere ya komite z'ubutaka	<u>Section 2:</u> Functioning of land committees	<u>Section 2 :</u> Fonctionnement des comités fonciers
<u>Ingingo ya 17:</u> Koherereza idosiye komite y'ubutaka	<u>Article 17:</u> Transmission of a file to land committee	<u>Article 17 :</u> Transmission d'un dossier au comité foncier
<u>Ingingo ya 18:</u> Itumizwa ry'inama ya komite y'ubutaka	<u>Article 18:</u> Convening a meeting of land committee	<u>Article 18 :</u> Convocation de la réunion du comité foncier
<u>Ingingo ya 19:</u> Iterana ry'inama ya komite y'ubutaka	<u>Article 19:</u> Holding a meeting of land committee	<u>Article 19 :</u> Tenue de la réunion du comité foncier
<u>Ingingo ya 20:</u> Umwanditsi w'inama ya komite y'ubutaka	<u>Article 20:</u> Rapporteur of a meeting of land committee	<u>Article 20 :</u> Rapporteur de la réunion du comité foncier
<u>Ingingo ya 21:</u> Raporo y'inama ya komite y'ubutaka	<u>Article 21:</u> Report on a meeting of land committee	<u>Article 21 :</u> Rapport de la réunion du comité foncier
<u>Ingingo ya 22:</u> Igenzura ry'ibikorwa bya komite z'ubutaka	<u>Article 22:</u> Monitoring of activities of land committees	<u>Article 22 :</u> Suivi des activités des comités fonciers
<u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<u>CHAPTER IV:</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE IV :</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 23:</u> Komite z'ubutaka zisanzweho	<u>Article 23:</u> Existing land committees	<u>Article 23 :</u> Comités fonciers existants
<u>Ingingo ya 24:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	<u>Article 24:</u> Commencement	<u>Article 24 :</u> Entrée en vigueur

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/MoE/22 RYO KU WA 12/05/2022 RIGENGA KOMITE Z'UBUTAKA</p> <p>Minisitiri w'Ibidukikije;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122, n'ya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 68;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 09/04/2022 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena abagize komite z'ubutaka, imiterere, imikorere n'inshingano byazo n'inzego zikoreraho.</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 007/MoE/22 OF 12/05/2022 GOVERNING LAND COMMITTEES</p> <p>The Minister of Environment;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122, and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 27/2021 of 10/06/2021 governing land, especially in Article 68;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 09/04/2022;</p> <p>ORDERS:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines the composition, organisation, functioning, responsibilities, and operation levels of land committees.</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 007/MoE/22 DU 12/05/2022 RÉGISSANT LES COMITÉS FONCIERS</p> <p>Le Ministre de l'Environnement ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122, et 176 ;</p> <p>Vu la Loi n° 27/2021 du 10/06/2021 portant régime foncier, spécialement en son article 68 ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/04/2022 ;</p> <p>ARRÊTE :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine la composition, l'organisation, le fonctionnement, les attributions et les niveaux d'opération des comités fonciers.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 2:</u> Abagize komite y’ubutaka</p> <p>Komite y’ubutaka igizwe n’abantu batanu (5). Nibura babiri (2) mu bagize komite y’ubutaka bagomba kuba ari abagore.</p> <p><u>UMUTWE WA II: IMITERERE YA KOMITE Z’UBUTAKA</u></p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Inzego komite z’ubutaka zikoreraho</p> <p>Komite z’ubutaka zikorera ku rwego rw’Akagari no ku rwego rw’Umurenge.</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Ishyirwaho ry’abagize komite y’ubutaka ku rwego rw’Akagari</p> <p>Abagize komite y’ubutaka ku rwego rw’Akagari bashyirwaho n’Inama Njyanama y’Umurenge.</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Ishyirwaho ry’abagize komite y’ubutaka ku rwego rw’Umurenge</p> <p>Abagize komite y’ubutaka ku rwego rw’Umurenge bashyirwaho n’Inama Njyanama y’Akarere gafite ubuzima gatozi cyangwa n’Inama Njyanama y’Umujyi wa Kigali.</p>	<p><u>Article 2:</u> Composition of land committee</p> <p>A land committee is composed of five (5) members. At least two (2) of the members of the land committee must be females.</p> <p><u>CHAPTER II: ORGANISATION OF LAND COMMITTEES</u></p> <p><u>Article 3:</u> Operation levels of land committees</p> <p>Land committees operate at Cell level and Sector level.</p> <p><u>Article 4:</u> Appointment of members of land committee at Cell level</p> <p>Members of the land committee at Cell level are appointed by the Sector Council.</p> <p><u>Article 5:</u> Appointment of members of land committee at Sector level</p> <p>Members of the land committee at Sector level are appointed by the Council of District with legal personality or the Council of the City of Kigali.</p>	<p><u>Article 2 :</u> Composition du comité foncier</p> <p>Le comité foncier est composés de cinq (5) membres. Au moins deux (2) des membres du comité foncier doivent être de sexe féminin.</p> <p><u>CHAPITRE II : ORGANISATION DES COMITÉS FONCIERS</u></p> <p><u>Article 3 :</u> Niveaux d’opération des comités fonciers</p> <p>Les comités fonciers opèrent au niveau de la Cellule et au niveau du Secteur.</p> <p><u>Article 4 :</u> Nomination des membres du comité foncier au niveau de la Cellule</p> <p>Les membres du comité foncier au niveau de la Cellule sont nommés par le Conseil du Secteur.</p> <p><u>Article 5 :</u> Nomination des membres du comité foncier au niveau du Secteur</p> <p>Les membres du comité foncier au niveau du Secteur sont nommés par le Conseil de District doté de la personnalité juridique ou par le Conseil de la Ville de Kigali.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 6: Igihe ntarengwa cy’ishyirwaho ry’abagize komite z’ubutaka</u></p> <p>Inama Njyanama bireba ishyiraho abagize komite z’ubutaka bitarenze ku wa mbere Kamena w’umwaka wa nyuma wa manda ya komite y’ubutaka iriho.</p> <p>Icyakora, komite y’ubutaka ishyizweho itangira imirimo yayo ku wa mbere Nyakanga w’uwo mwaka.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ibishingirwaho mu ishyirwaho ry’abagize komite z’ubutaka</u></p> <p>Umuntu wemerewe gushyirwa muri komite y’ubutaka agomba –</p> <p>1° kuba ari Umunyarwanda;</p> <p>2° kuba afite nibura imyaka makumyabiri n’umwe (21) y’amavuko;</p> <p>3° kuba ari inyangamugayo;</p> <p>4° kuba atarigeze ahanishwa igihano cy’igifungo cyabaye ndakuka kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6), kitahanaguwe n’imbabazi z’itegeko cyangwa ihanagurabusembwa;</p>	<p><u>Article 6: Deadline for appointment of members of land committees</u></p> <p>The relevant Council appoints members of the land committee not later than the 1st of June of the last year of the term of the land committee in office.</p> <p>However, the appointed land committee commences its activities on the 1st of July of the same year.</p> <p><u>Article 7: Criteria for appointment of members of land committees</u></p> <p>A member of land committee must –</p> <p>1° be Rwandan by nationality;</p> <p>2° be aged at least twenty-one (21) years;</p> <p>3° have integrity;</p> <p>4° not have been sentenced to a final term of imprisonment of more than six (6) years, neither granted amnesty nor rehabilitation;</p>	<p><u>Article 6 : Délai limite de nomination des membres des comités fonciers</u></p> <p>Le Conseil concerné nomme les membres du comité foncier au plus tard le 1^{er} juin de la dernière année du mandat du comité foncier en fonction.</p> <p>Toutefois, le comité foncier nommé commence ses activités le 1^{er} juillet de la même année.</p> <p><u>Article 7 : Critères de nomination des membres des comités fonciers</u></p> <p>Un membre du comité foncier doit –</p> <p>1° être de nationalité rwandaise ;</p> <p>2° être âgé d’au moins vingt et un (21) ans ;</p> <p>3° être intègre ;</p> <p>4° n’avoir pas été sujet d’une condamnation d’emprisonnement devenue irrévocable supérieure à six (6) ans, sans amnistie, ni réhabilitation ;</p>
---	--	--

<p>5° kuba abarizwa mu Kagari cyangwa mu Murenge komite y'ubutaka agiye kubera umwe mu bayigize ikoreramo;</p> <p>6° kuba afite amakuru ku butaka buherereye mu Kagari cyangwa mu Murenge komite y'ubutaka agiye kubera umwe mu bayigize ikoreramo, arebana na ba nyirabwo, n'uburyo bwagiye bukoreshwa n'ibibazo byabugaragayeho.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Abatemerewe kuba mu bagize komite z'ubutaka</u></p> <p>Abantu bakurikira ntibemerewe kuba mu bagize komite z'ubutaka:</p> <p>1° abakozi bo mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturatione;</p> <p>2° abakozi ba Leta bashinzwe gutanga serivisi z'ubutaka;</p> <p>3° abantu ku giti cyabo batanga serivisi z'ubutaka;</p> <p>4° abakora mu nzego z'umutekano;</p> <p>5° abandi bakozi bafite inshingano zifite aho zihurira na serivisi z'ubutaka.</p>	<p>5° live in a Cell or Sector of operation of the land committee of which he or she is proposed to be a member;</p> <p>6° have information on land located in the Cell or Sector of operation of the land committee of which he or she is proposed to be a member, relating to land ownership, land successive use and issues thereon.</p> <p><u>Article 8: Persons not eligible for membership of land committee</u></p> <p>The following persons are not eligible for membership of land committees:</p> <p>1° employees of decentralised entities;</p> <p>2° public servants in charge of land administration;</p> <p>3° individuals providing land services;</p> <p>4° security officers;</p> <p>5° other employees whose responsibilities are linked to land services.</p>	<p>5° résider dans la Cellule ou dans le Secteur d'opération du comité foncier duquel il est membre proposé ;</p> <p>6° avoir des informations sur les terres situées dans la Cellule ou dans le Secteur d'opération du comité foncier duquel il est membre proposé, relatives à leur historique d'utilisation et aux problèmes qui y ont survécu.</p> <p><u>Article 8 : Personnes non éligibles pour être membre du comité foncier</u></p> <p>Les personnes ci-après ne sont pas éligibles pour être membres des comités fonciers :</p> <p>1° les agents des entités décentralisées ;</p> <p>2° les agents de l'État chargés de l'administration foncière ;</p> <p>3° les particuliers qui fournissent des services fonciers ;</p> <p>4° les agents de sécurité ;</p> <p>5° d'autres agents dont les attributions sont connexes aux services fonciers.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 9:</u> Ubuyobozi bwa komite z'ubutaka</p> <p>Abagize komite y'ubutaka bitoramo Perezida na Visi Perezida.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Manda ya komite z'ubutaka</p> <p>Manda ya komite z'ubutaka ni imyaka itanu (5).</p> <p>Iyo umwe mu bagize komite y'ubutaka ahagaritse imirimo ye mbere y'isozwa rya manda, umusimbuye arangiza igice cya manda gisigaye.</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Impamvu zituma umwe mu bagize komite y'ubutaka asimburwa</p> <p>Umwe mu bagize komite y'ubutaka asimburwa–</p> <p>1° iyo manda irangiye;</p> <p>2° iyo yeguye;</p> <p>3° iyo asibye inama za komite y'ubutaka inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu ifite ishingiro yagaragaje;</p>	<p><u>Article 9:</u> Administration of land committees</p> <p>Members of the land committee elect, among themselves, the Chairperson and the Vice Chairperson.</p> <p><u>Article 10:</u> Term of office of land committees</p> <p>Land committees serve for a term of five (5) years.</p> <p>If a member of the land committee ceases duties before completion of the term of office, his or her replacement completes the remainder of the term of office.</p> <p><u>Article 11:</u> Reasons for replacement of a member of land committee</p> <p>A member of a land committee is replaced –</p> <p>1° if the term of office expires;</p> <p>2° if he or she resigns;</p> <p>3° if he or she is absent in three (3) consecutive meetings of the land committee without any valid reason;</p>	<p><u>Article 9 :</u> Administration des comités fonciers</p> <p>Les membres du comité foncier élisent, parmi eux, le Président et le Vice-Président.</p> <p><u>Article 10 :</u> Mandat des comités fonciers</p> <p>Les comités fonciers ont un mandat de cinq (5) ans.</p> <p>Lorsqu'un membre du comité foncier cesse ses fonctions avant la fin du mandat, son remplaçant termine la durée restante du mandat.</p> <p><u>Article 11 :</u> Raisons du remplacement d'un membre du comité foncier</p> <p>Un membre du comité foncier est remplacé –</p> <p>1° lorsque le mandat expire ;</p> <p>2° lorsqu'il démissionne ;</p> <p>3° lorsqu'il s'absente dans trois (3) réunions consécutives du comité foncier sans motif valable ;</p>
---	--	--

<p>4° iyo akuwe mu bagize komite y’ubutaka n’Inama Njyanama yamushyizeho, hashingiwe ku kuba atacyujuje ibyashingiweho mu kumushyiraho;</p> <p>5° iyo agize uburwayi butuma adashobora gukomeza kuzuzanya inshingano, byemejwe na muganga wemewe;</p> <p>6° iyo komite y’ubutaka isheshwe;</p> <p>7° cyangwa iyo apfuye.</p>	<p>4° if he or she is dismissed from the land committee by the relevant Council on the basis that he or she no longer meets the criteria for appointment;</p> <p>5° if he or she is unable to discharge his or her duties as a result of an illness that is certified by a recognized medical doctor;</p> <p>6° if the land committee is dissolved; or</p> <p>7° if he or she dies.</p>	<p>4° lorsqu’il est révoqué du comité foncier par le Conseil concerné sur base qu’il ne répond plus aux critères de nomination ;</p> <p>5° lorsqu’il est incapable de remplir ses fonctions, à la suite d’une maladie constatée par un médecin agréé ;</p> <p>6° lorsque le comité foncier est dissout ; ou</p> <p>7° lorsqu’il meurt.</p>
<p><u>Ingingo ya 12: Isimburwa ry’ugize komite y’ubutaka</u></p> <p>Isimburwa ry’ugize komite y’ubutaka rikorwa n’Inama Njyanama bireba, mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) uherye ku munsu yarekeye kuba ugize komite.</p>	<p><u>Article 12: Replacement of a member of land committee</u></p> <p>The replacement of a member of the land committee is made by the relevant Council, within a period of ninety (90) days from the date of the loss of membership.</p>	<p><u>Article 12 : Remplacement d’un membre du comité foncier</u></p> <p>Le remplacement d’un membre du comité foncier est fait endéans quatre-vingt-dix (90) jours à partir du jour de perte de la qualité de membre.</p>
<p><u>Ingingo ya 13: Impamvu zituma komite y’ubutaka iseswa</u></p> <p>Komite y’ubutaka ishobora guseswa –</p> <p>1° iyo ikuweho icyizere kandi byemejwe nibura na bibiri bya gatatu (2/3) cy’abagize Inama Njyanama yayishyizeho;</p>	<p><u>Article 13: Grounds for dissolution of land committee</u></p> <p>The land committee may be dissolved –</p> <p>1° if there is a motion of no confidence against the land committee, approved by two-thirds (2/3) of members of the relevant Council;</p>	<p><u>Article 13 : Motifs de dissolution du comité foncier</u></p> <p>Le comité foncier peut être dissous –</p> <p>1° lorsqu’il y’a une motion de censure à l’égard du comité foncier, approuvée par deux tiers (2/3) des membres du Conseil concerné ;</p>

<p>2° iyo habaye imidugararo iturutse mu bagize komite y’ubutaka;</p> <p>3° iyo bigaragaye ko abagize komite y’ubutaka bose batagishoboye kuzuzanya inshingano za komite y’ubutaka;</p> <p>4° iyo habonetse ibimenyetso ntashidikanywaho bigaragaza ko abagize komite y’ubutaka bakoze amakosa kandi babyumvikanyeho;</p> <p>5° iyo abagize komite y’ubutaka bose bari gukurikiranwa n’inzego z’ubutabera.</p>	<p>2° if there is serious unrest caused by members of the land committee;</p> <p>3° if it is evident that all members of the land committee are no longer able to accomplish its responsibilities;</p> <p>4° if there is a certain evidence that members of the land committee conspired to commit a fault;</p> <p>5° if all members of the land committee are prosecuted by judicial organs.</p>	<p>2° lorsqu’il y’a des troubles graves causés par les membres du comité foncier ;</p> <p>3° lorsqu’il est évident que tous les membres du comité foncier sont incapables de remplir ses fonctions ;</p> <p>4° lorsqu’il y’ a une preuve irréfutable que les membres du comité foncier ont conspiré pour commettre une faute ;</p> <p>5° lorsque tous les membres du comité foncier sont poursuivis par les organes judiciaires.</p>
<p>UMUTWE WA III: INSHINGANO N’IMIKORERE BYA KOMITE Z’UBUTAKA</p>	<p>CHAPITER III: RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF LAND COMMITTEES</p>	<p>CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS ET FONCTIONNEMENT DES COMITÉS FONCIERS</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Inshingano za komite z’ubutaka</p>	<p><u>Section One:</u> Responsibilities of land committees</p>	<p><u>Section première :</u> Attributions des comités fonciers</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano rusange za komite z’ubutaka</p>	<p><u>Article 14:</u> General responsibilities of land committees</p>	<p><u>Article 14 :</u> Attributions générales des comités fonciers</p>
<p>Komite z’ubutaka zishinzwe gutanga amakuru yifashishwa mu gusuzuma no mu gukemura ibibazo by’ubutaka no mu gufata ibyemezo birebana n’imicungire n’imikorehereze by’ubutaka, iyo zibisabwe n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa bireba.</p>	<p>Land committees are responsible for providing information used to assess and resolve land-related issues and to make decisions on land management and use, upon request by the relevant Executive Secretary.</p>	<p>Les comités fonciers sont chargés de fournir des informations utilisées pour analyser et résoudre les problèmes relatifs aux terres et pour prendre des décisions sur la gestion et sur l’utilisation des terres, à la demande du Secrétaire Exécutif concerné.</p>

Ingingo ya 15: Inshingano za komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari	Article 15: Responsibilities of land committee at Cell level	Article 15 : Attributions du comité foncier au niveau de la Cellule
<p>Uretse iyo uwasabye ayo makuru atanyuzwe, komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari itanga amakuru atagomba kwemezwa na komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge, arebana n'ibi bikurikira:</p>	<p>Except when there is objection to information provided, the land committee at Cell level provides information that does not need validation by the land committee at Sector level, relating to the following:</p>	<p>À l'exception de l'objection aux informations fournies, le comité foncier au niveau de la Cellule donne des informations qui ne requièrent pas de validation du comité foncier au niveau du Secteur, en rapport avec ce qui suit :</p>
<ul style="list-style-type: none"> 1° abafite uburenganzira ku butaka mu gihe cyo kubwandikisha bwa mbere; 2° ubutaka butandikishijwe; 3° ubutaka bwakoreweho impinduka zitandikishijwe. 	<ul style="list-style-type: none"> 1° holders of land rights during the first land registration; 2° unregistered land; 3° land that has undergone unregistered changes. 	<ul style="list-style-type: none"> 1° les détenteurs des droits fonciers en cas du premier enregistrement foncier ; 2° les terres non enregistrées ; 3° les terres ayant subi des modifications non enregistrées.
<p>Komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari itanga amakuru, agomba kwemezwa na komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge, arebana n'ibi bikurikira:</p>	<p>The land committee at Cell level provides information that needs validation by the land committee at Sector level, relating to the following:</p>	<p>Le comité foncier au niveau de la Cellule donne des informations qui requièrent la validation du comité foncier au niveau du Secteur, en rapport avec ce qui suit :</p>
<ul style="list-style-type: none"> 1° ubutaka bw'indeka n'ubw'inkungu; 2° ubutaka bwa Leta butandikishijwe; 3° ubutaka bwa Leta abantu ku giti cyabo biyandikishijeho; 4° ubutaka bwa Leta bwigaruriwe n'abantu ku giti cyabo; 	<ul style="list-style-type: none"> 1° escheat land and vacant land; 2° unregistered State land; 3° State land registered on individuals; 4° State land usurped by individuals; 	<ul style="list-style-type: none"> 1° les terres en déshérence et les terres vacantes ; 2° les terres de l'État non enregistrées ; 3° les terres de l'État enregistrées sur les particuliers ; 4° les terres de l'État usurpées par les particuliers ;

<p>5° uburenganzira ku butaka bukomoka ku buzime;</p> <p>6° ubutaka budakoreshwa neza;</p> <p>7° andi makuru arebana n’imicungire n’imikoreshereze y’ubutaka.</p> <p>Icyakora, iyo abagize komite y’ubutaka ku rwego rw’Akagari bagaragaje ko bafite inyungu bwite kuri dosiye bashyikirijwe, iyo dosiye isuzumwa na komite y’ubutaka ku rwego rw’Umurenge.</p> <p><u>Ingingo ya 16: Inshingano za komite y’ubutaka ku rwego rw’Umurenge</u></p> <p>Komite y’ubutaka ku rwego rw’Umurenge ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gukora raporo yemeza uburenganzira ku butaka bukomoka ku buzime ishingiyeye ku makuru yatanze na komite y’ubutaka ku rwego rw’Akagari;</p> <p>2° gutanga amakuru yasabwe komite y’ubutaka ku rwego rw’Akagari, iyo abayigize bagaragaje ko bafite inyungu bwite kuri dosiye bashyikirijwe;</p>	<p>5° land rights from prescription;</p> <p>6° poorly exploited land;</p> <p>7° other information on land management and use.</p> <p>However, if members of the land committee at Cell level prove that they have personal interest in the file submitted to them, the file is considered by the land committee at Sector level.</p> <p><u>Article 16: Responsibilities of land committee at Sector level</u></p> <p>The land committee at Sector level has the following responsibilities:</p> <p>1° to make a report validating land rights from prescription, on basis of information provided by the land committee at Cell level;</p> <p>2° to provide information requested from the land committee at Cell level, if its members have proven to have personal interest in the file submitted to them;</p>	<p>5° les droits fonciers issus de la prescription ;</p> <p>6° les terres mal exploitées ;</p> <p>7° d’autres informations sur la gestion et sur l’utilisation des terres.</p> <p>Toutefois, lorsque les membres du comité foncier au niveau de la Cellule prouvent qu’ils ont un intérêt personnel dans le dossier leur transmis, ce dossier est examiné par le comité foncier au niveau du Secteur.</p> <p><u>Article 16 : Attributions du comité foncier au niveau du Secteur</u></p> <p>Le comité foncier au niveau du Secteur a les attributions suivantes :</p> <p>1° faire un rapport de validation des droits fonciers issus de la prescription, sur base des informations fournies par le comité foncier au niveau de la Cellule ;</p> <p>2° fournir des informations demandées au comité foncier au niveau de la Cellule, lorsque ses membres ont prouvé qu’ils ont un intérêt personnel dans le dossier leur transmis ;</p>
--	---	---

<p>3° gusuzuma idosiye z'abatanyuzwe n'amakuru yatanzwe na komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari;</p> <p>4° kwemeza amakuru yatanzwe na komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari arebana n'ibi bikurikira:</p> <p>a. ubutaka bw'indeka n'ubw'inkungu;</p> <p>b. ubutaka bwa Leta butandikishijwe;</p> <p>c. ubutaka bwa Leta abantu ku giti cyabo biyandikishijeho;</p> <p>d. ubutaka bwa Leta bwigaruriwe n'abantu ku giti cyabo;</p> <p>e. ubutaka budakoreshwa neza;</p> <p>f. andi makuru arebana n'imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka.</p>	<p>3° to examine objection files to information provided by the land committee at Cell level;</p> <p>4° to validate information provided by the land committee at Cell level relating to the following:</p> <p>a. escheat land and vacant land;</p> <p>b. unregistered State land;</p> <p>c. State land registered on individuals;</p> <p>d. State land usurped by individuals;</p> <p>e. poorly exploited land;</p> <p>f. other information on land use and management.</p>	<p>3° examiner les dossiers d'objection aux informations fournies par le comité foncier au niveau de la Cellule ;</p> <p>4° valider les informations fournies par le comité foncier au niveau de la Cellule, en rapport avec ce qui suit :</p> <p>a. les terres en déshérence et les terres vacantes ;</p> <p>b. les terres de l'État non enregistrées ;</p> <p>c. les terres de l'État enregistrées sur les particuliers ;</p> <p>d. les terres de l'État usurpées par les particuliers ;</p> <p>e. les terres mal exploitées ;</p> <p>f. d'autres informations sur la gestion et sur l'utilisation des terres.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2: Imikorere ya komite z'ubutaka</u></p>	<p><u>Section 2: Functioning of land committees</u></p>	<p><u>Section 2 : Fonctionnement des comités fonciers</u></p>
<p><u>Ingingo ya 17: Koherereza idosiye komite y'ubutaka</u></p>	<p><u>Article 17: Transmission of a file to land committee</u></p>	<p><u>Article 17 : Transmission d'un dossier au comité foncier</u></p>
<p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa bireba yakira idosiye, akayandika mu gitabo cya</p>	<p>The relevant Executive Secretary receives a file, records it in the register of the land</p>	<p>Le Secrétaire Exécutif concerné reçoit un dossier, l'inscrit dans le registre du comité foncier, avant</p>

<p>komite y'ubutaka, mbere yo kuyiyohereza.</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Itumizwa ry'inama ya komite y'ubutaka</p> <p>Inama ya komite y'ubutaka itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo. Iyo adahari itumizwa kandi ikayoborwa na Visi Perezida wayo.</p> <p>Ubutumire bw'inama ya komite y'ubutaka bukorwa mu nyandiko kandi bukagezwa ku bagize komite y'ubutaka nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko inama iterana. icyakora, iyo ari inama idasanze, igihe cy'iminsi irindwi (7) gishobora kutubahirizwa.</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Iterana ry'inama ya komite y'ubutaka</p> <p>Inama isanzwe ya komite y'ubutaka iterana rimwe (1) mu kwezi. Komite y'ubutaka ishobora kandi guterana mu nama idasanze, igihe bibaye ngombwa.</p> <p>Kugira ngo inama ya komite y'ubutaka iterane, hagomba kuba hari nibura batatu (3) mu bayigize.</p> <p>Ugize Komite y'ubutaka ntiyemerewe guterana mu nama –</p>	<p>committee, prior to its transmission to the committee.</p> <p><u>Article 18:</u> Convening a meeting of land committee</p> <p>A meeting of the land committee is convened and chaired by the Chairperson. In case of his or her absence, the meeting is convened and chaired by the Vice Chairperson</p> <p>The invitation to the meeting of the land committee is made in writing and delivered to the land committee members at least seven (7) days before the meeting is held. However, in case of an extraordinary meeting, the period of seven (7) days may not be respected.</p> <p><u>Article 19:</u> Holding a meeting of land committee</p> <p>An ordinary meeting of the land committee is held once a month. The land committee may also hold an extraordinary meeting, when considered necessary.</p> <p>A meeting of the land committee is held when at least three (3) of its members are present.</p> <p>A member of the land committee cannot participate in a meeting –</p>	<p>sa transmission au comité.</p> <p><u>Article 18 :</u> Convocation de la réunion du comité foncier</p> <p>La réunion du comité foncier est convoquée et présidée par son Président. En cas de son absence, la réunion est convoquée et présidée par le Vice-Président.</p> <p>L'invitation à la réunion du comité foncier est faite par écrit et envoyée aux membres du comité foncier au moins sept (7) jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, en cas d'une réunion extraordinaire, le délai de sept (7) jours peut ne pas être respecté.</p> <p><u>Article 19 :</u> Tenue de la réunion du comité foncier</p> <p>La réunion ordinaire du comité foncier se tient une (1) fois par mois. Le comité foncier peut également tenir une réunion extraordinaire, lorsque nécessaire.</p> <p>La réunion du comité foncier se tient lorsqu'au moins trois (3) de ses membres sont présents.</p> <p>Un membre du comité foncier ne peut pas participer à la réunion –</p>
--	--	--

<p>1° iyo isuzuma idosiye afitemo inyungu bwite;</p> <p>2° cyangwa iyo ugize komite, uwo bashyingiranywe, uwo akomokaho, umukomokaho, umuvandimwe cyangwa uwo bafitanye isano ishingiyeye ku ishyingiranwa kugeza ku gisanira cya kabiri, arebwa n'idosiye isuzumwa na komite y'ubutaka.</p>	<p>1° if it considers a file in which he or she has personal interest; or</p> <p>2° if a member, his or her spouse, ascendant, descendant, collateral or in-law up to the second degree, has a personal interest on a file under consideration by the land committee.</p>	<p>1° lorsqu'elle examine un dossier dans lequel il a un intérêt personnel ; ou</p> <p>2° lorsqu'un membre, son conjoint, son ascendant, son descendant, son collatéral ou son allié jusqu'au deuxième degré, a un intérêt personnel dans un dossier à l'examen par le comité foncier.</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Umwanditsi w'inama ya komite y'ubutaka</p>	<p><u>Article 20:</u> Rapporteur of a meeting of land committee</p>	<p><u>Article 20 :</u> Rapporteur de la réunion du comité foncier</p>
<p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ni we mwanditsi w'inama ya komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari.</p>	<p>The Executive Secretary of Cell is the rapporteur of the meeting of the land committee at Cell level.</p>	<p>Le Secrétaire Exécutif de Cellule est le rapporteur de la réunion du comité foncier au niveau de la Cellule.</p>
<p>Umukozi ufite imicungire y'ubutaka mu nshingano ku rwego rw'Umurenge ni we mwanditsi w'inama ya komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge.</p>	<p>An officer in charge of land management at Sector level is the rapporteur of the meeting of the land committee at Sector level.</p>	<p>L'agent ayant la gestion des terres dans ses attributions au niveau du Secteur est le rapporteur de la réunion du comité foncier au niveau du Secteur.</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Raporo y'inama ya komite y'ubutaka</p>	<p><u>Article 21:</u> Report on a meeting of land committee</p>	<p><u>Article 21 :</u> Rapport de la réunion du comité foncier</p>
<p>Raporo y'inama ya komite y'ubutaka ishyingirwaho umukono n'umuyobozi w'inama n'umwanditsi, inama ikimara kurangira.</p>	<p>The report on the meeting of the land committee is signed by the chairperson and the rapporteur of the meeting, immediately after the end of the meeting.</p>	<p>Le rapport de la réunion du comité foncier est signé par le président et par le rapporteur de la réunion, immédiatement après la séance de la réunion.</p>
<p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa</p>	<p>The Executive Secretary of Cell, within five</p>	<p>Le Secrétaire Exécutif de Cellule, endéans cinq</p>

<p>w'Akagari ashyikiriza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uherye ku muni inama yabereyeho, raporo y'inama ya komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari, akagera kopi Perezida wa komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge.</p>	<p>(5) days from the date of the meeting, submits the report on the meeting of the land committee at Cell level to the Executive Secretary of Sector, with a copy to the Chairperson of the land committee at the Sector level.</p>	<p>(5) jours à partir du jour de la tenue de la réunion, transmet le rapport de la réunion du comité foncier au niveau de la Cellule au Secrétaire Exécutif de Secteur, et en réserve une copie au Président du comité foncier au niveau du Secteur.</p>
<p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ashyikiriza Umuyobozi w'Akarere gafite ubuzima gatozi cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uherye ku muni inama yabereyeho, raporo y'inama ya komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge.</p>	<p>The Executive Secretary of Sector, within five (5) days from the date of the meeting, submits to the Mayor of the District with legal personality or the Mayor of the City of Kigali, the report on the meeting of the land committee at Sector level.</p>	<p>Le Secrétaire Exécutif de Secteur, endéans cinq (5) jours à partir du jour de la tenue de la réunion, transmet au Maire du District doté de la personnalité juridique ou au Maire de la Ville de Kigali le rapport de la réunion du comité foncier au niveau du Secteur.</p>
<p><u>Ingingo ya 22: Igenzura ry'ibikorwa bya komite z'ubutaka</u></p>	<p><u>Article 22: Monitoring of activities of land committees</u></p>	<p><u>Article 22 : Suivi des activités des comités fonciers</u></p>
<p>Akarere gafite ubuzima gatozi cyangwa Umujyi wa Kigali bigenzura ibikorwa bya komite z'ubutaka.</p>	<p>The District with legal personality or the City of Kigali monitors activities of land committees.</p>	<p>Le District doté de la personnalité juridique ou la Ville de Kigali fait le suivi des activités des comités fonciers.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 23: Komite z'ubutaka zisanzweho</u></p>	<p><u>Article 23: Existing land committees</u></p>	<p><u>Article 23 : Comités fonciers existants</u></p>
<p>Komite z'ubutaka zisanzweho zikomeza gukora imirimo yazo kugeza ku wa 30 Kamena 2022.</p>	<p>The existing land committees continue to function until 30th of June 2022.</p>	<p>Les comités fonciers existants continuent à fonctionner jusqu'au 30 juin 2022.</p>

<p><u>Ingingo ya 24: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 24: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 24 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	---

Kigali, 12/05/2022

(sé)

Dr MUJAWAMARIYA Jeanne d’Arc
Minisitiri w’Ibidukikije
Minister of Environment
Ministre de l’Environnement

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux